# 361: Uwo njya nikomezaho

1. Uwo njya nikomezaho, Nta wundi, ni Krisito.
Reka mubashimire, nti :Yesu ni W' umpagije.
Yanyitangiyehw icyiru,Angur' amaraso ye;
Nukw anyuzuza n'lmana : Yesu ni W' umpagije.

2. Nubw' ab' is’ ar' abatunzi,Yesu ni W’ umpagije.
Bafit’ iby'igihe gito : Arampaza wenyine.
Nta mugish' uri mu by'isi :N’ umuram' utumuka.
Ibya Yesu ntibishira :Arampaza wenyine.

3. Naho naba mu bukene,Yesu ni W' umpagije.
Naho napfush' ibyo nkunda,Arampaza wenyine.
Nahw imirima yarumba, Singir' icyo nsoroma,
Naho napfush' amatungo, Arampaza wenyine.

4. Naho naterwa n'Umwanzi, Yesu ni W' umpagije.
Nzajya nesha kubwa Yesu :Arampaza wenyine.
Naho nahanwa n'inshuti, Ni ko bamumereye.
Ni We nshut' irut'izindi : Arampaza wenyine.

5. Ubwo nzagera mu rupfu. Yes' azab'ampagije.
Azanjyan' i We, nduhuke : Yes'azab'ampagije.
Nzaba nambutse rwa Ruzi,Nzamutse, njya mw ijuru.
Nzamwirebera mu maso : Yes' azab'ampagije.

Visit us at burundi.indirimbo.com